

AKARERE KA HUYE

“INDATIRWABAHIZI MAGAZINE” - UKWEZI K’UGUSHYINGO 2025

NYAMUKURU

Irushanwa rya ‘Huye Half Marathon’ ryabaye, abaryitabiriye barivuze imyato

Ku cyumweru tariki ya 30 Ugushingo 2025 mu karere ka Huye hakinwe irushanwa rya ‘Huye Half Marathon’ ku nshuro yaryo ya gatatu, rikinwa mu byiciro by’abagabo n’abagore, harimo abakinnyi babigize umwuga n’abandi babikoze mu rwego rwa siporo busanzwe.

➤➤➤ Soma birambuye kuri Paji 12.

Kigoma: Hakoze umuganda usoza ukwezi k’Ugushyingo

Mu mirenge yose hakoze Umuganda mu midugudu. Ku rwego rw’Akarere wabereye mu Murenge wa Kigoma, Akagari ka Kabatwa, Umudugudu wa Mbogo, witabirwa na Minisitiri w’Uburezi, akaba n’imboni y’Akarere ka Huye muri Guverinoma.

➤➤➤ Soma birambuye kuri Paji 10.

Abajyanama b’Akarere n’abafatanyabikorwa basuye imirenge.

Abajyanama b’Akarere ka Huye n’abafatanyabikorwa mu iterambere bakomeje gahunda yo gusura imirenge hagamijwe kwegera abaturage, kuganira ku iterambere, kumva ibibazo n’ibyifuzo byabo no gushakira hamwe ibisubizo.

➤➤➤ Soma birambuye kuri Paji 9.

Tumba: Hizihiyijwe ku rwego rw’Igihugu umunsi mpuzamahanga w’inkoni Yera

➤➤➤ Soma birambuye kuri Paji 4.



Abakinnyi ba filime bari mu bakomeye mu Rwanda bifatanyije n'abaturage bo mu Karere ka Huye mu muganda wo gutera ibiti 2,280 mu Cyanya cy'Inganda cya Huye.



Umuyobozi w'Akarere ushinze iterambere ry'ubukungu afatamya n'abakinnyi ba Filimi gutera ibiti

Ni umuganda wabaye ku wa 01 Ugushyingo 2025, ubera mu Cyanya cy'Inganda cya Huye, gihereye mu Kagari ka Sovu, mu Murenge wa Huye. Ibiti byatewe mu nkengero z'imihanda izenguruka muri iki cyanya.

Umuyobozi w'Akarere ka Huye Wungirije ushinze Iterambere ry'Ubukungu, Kamana André, yavuze ko umuganda wunganira ingengo y'imari y'igihugu. Ati “Nubwo twifuza iteramere rikomoka mu nganda zacu, ariko turabizi ko inganda zisohora umwuka uhumanya ikirere. Ibi ibiti bizawufata, bityo tuzagire amajyambere arambye.”

Hatanze ubutumwa busaba urubyiruko rufite inzizi zo kuzakina filime, kwitwara neza, rukirinda ibiyobyabwenge mu ntego yo guharanira kugira ubuzima bwiza, yongeraho ko babaterejeho gutera intambwe bagana umwuga wa sinema kugira ngo bazasimbure abariho ubu.

Uru rugendo rw'abahanzi rwakomereje muri Kaminuza y'u Rwanda, Ishami rya Huye, aho aba bahanzi baganiriye n'abanyeshuri bo muri iyi kaminuza, babashishikariza kwitinyuka bakagaragaza impano zabo.



Hatewe ubutu 2,280 mu Cyanya cy'Inganda cya Huye.



Umuyobozi w'Akarere ushinze iterambere ry'ubukungu yatanze ubutumwa bushima iki gikorwa cyo gutera ibiti

Mu Karere ka Huye hakiriwe itsinda ryaturutse mu Karere ka Burera k'Intara y'Amajyaruguru rije mu gikorwa cy'iminsi ibiri cyo kwigiranaho mu bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo, imitangire ya serivisi n'imitungire y'umutungo wa Leta.



Mu Karere ka Huye hakiriwe itsinda ryaturutse mu Karere ka Burera

Iryo tsinda ryasuye Akarere ka Huye kuwa 06 Ugushyingo 2025, riyobowe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Bizimungu Jean Baptiste n'Umuyobozi w'ako Karere Mukamana Soline ryari rigizwe kandi n'abayobozi ba Komisiyo z'Inama Njyanama y'Akarere, uhagarariye Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Akarere n'itsinda ry'abakozi ba GIZ Rwanda.

Harimo kandi Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge uhagarariye abandi banyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge y'Akarere ka Burera n'Abayobozi b'Amashami n'abandi bakozi banyuranye. Itsinda ryaturutse mu Karere ka Burera ryakiriwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Huye Subutege Ange wari kumwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Huye Kakooza Henry n'abandi bakozi ku rwego rw'ako Karere.

Umuyobozi w'Akarere ka Huye, Ange Sebutege n'itsinda ry'abakozi bari kumwe na we basangije itsinda ryaturutse mu Karere ka Burera uko bashyira mu bikorwa imihigo, uko batanga serivisi n'uko bacunga umutungo wa Leta.

Umuyobozi w'Akarere ka Burera, Mukamana Soline yashimye Umuyobozi w'Akarere ka Huye n'itsinda ry'abakozi bari kumwe ku byo babasangije byerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo, imitangire ya serivisi n'imitungire y'umutungo wa Leta, kandi agaragaza ko ubunararibonye bungukiye muri Huye bugiye kubafasha mu mikorere mu Karere ka Burera.



Umuyobozi w'Akarere ka Huye n'uw'aka Burera (Hagati)



Mu Karere ka Huye hizihirijwe Umunsi Mpuzamahanga w'Inkoni Yera ku rwego rw'Igihugu, aho abafite ubumuga bwo kutabona barenga 300 bahawe inkoni nk'igikoresho gikomeye kizajya kibafasha mu buzima bwabo bwa buri muni.



Hatanze inkoni yera ku bafite ubumuga bwo kutabona

Ni umunsi wizihirijwe mu murenge wa Tumba ku wa Gatanu tariki ya 7 Ugushyamba 2025 byitabirwa n'Umuyobozi w'Akarere, ubuyobozi bw'Ubumwe Nyarwanda bw'abafite ubumuga bwo kutabona (RUB) n'izindi nzego.

Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Umuryango w'Ubumwe Nyarwanda bw'Abatabona (RUB), Mugisha Jacques, yagaragaje ko hakiri imbogamizi z'uko inkoni yera idatangwa ku bwisungane mu kwivuza, ariko ko bari gukorana n'inzego zitandukanye kugira ngo inkoni yera iboneke mu buryo bworoshye, ku bayikeneye bese.

Ubuyobozi bwa RUB n'ubw'Akarere bwashimye Leta y'u Rwanda yashyize imbere gahunda zo guharanira imibereho myiza n'iterambere ry'Abanyarwanda bese nta vangura.

Mu Rwanda, Umunsi Mpuzamahanga w'Inkoni yera wari wihirijwe ku nshuro ya 17, mu nsanganyamatsiko igira iti "Tubona kurenza imboni", mu gihe inkoni yera yo yatangiye kubaho mu 1921, aho ifatwa nk'ikirango cy'utabona igihe ari mu bandi, ngo bimurinde kuba yahutazwa.



Hatanze inkoni yera



Mu ishuri rya Groupe Scolaire Officiel de Butare riherereye mu murenge wa Ngoma hatangirijwe ku rwego rw'Akarere ibikorwa bya siporo n'umuco mu mashuri, umwaka wa 2025 - 2026, kuri iyi nsanganyamatsiko: "Kurera impano twubaka ejo hazaza h'Igihugu".



Hatangirijwe ibikorwa siporo mu mashuri

Igikorwa cyatangijwe Kuwa 08 Ugushyingo 2025, bitangizwa n'umukino wa volleyball wahuje amashuri ya Groupe Scolaire Officiel de Butare ryo mu murenge wa Ngoma na Regina Pacis School mu murenge wa Tumba. Ni imikino yatangijwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Huye wungirije ushinze iterambere ry'ubukungu Kamana André.

Uyu muyobozi yagaragarije abanyeshuri akamaro ka Siporo ku mubiri, asaba abanyeshuri gukora siporo ariko kandi bakiga cyane kugira ngo bazigirire akamaro bakagirire n'Igihugu muri rusange.



Ubuyobozi bw'Akarere ka Huye buvuga ko imyiteguro y'irushanwa ryiswe 'Huye Half Marathon' irimbanyije ku buryo abazaryitabira kuwa 30 Ugushyingo 2025 bazaryohereza.



Hasobanuwe ibyitezwe mu irushanwa ryiswe 'Huye Half Marathon'

Ibi ni ibyagarutsweho mu kiganiro n'itangazamakuru kuwa 14 Ugushyingo 2025, aho iri rushanwa rizaba ribaye ku nshuro ya 3 hateganyijwe ko hazarushanwa abiruka n'amaguru babigize umwuga, abatarabigize umwuga barimo abana, urubiruko, abasheshakanaguhe, abafite ubumuga, abasiganwa ku magare asanzwe ya "Pneu ballon" ndetse n'undi wese ubiyifuzaga.

Hasobanuwe ko abifuzaga kuza kurushanwa muri icyo mikino nta mubare ntarengwa wateganyijwe, buri wese arabyemerewe kandi aho yaturuka hose haremewe.

Umuyobozi w'akarere ka Huye, Ange Sebutege yavuze ko ahamagarira abantu kuza kwihera ijisho iyi mikino. Yagize ati "Abavuka i Huye batakihatuye n'abandi ni umwanya mwiza wo kuza kwihera ijisho iyi mikino kuko izaba iryoshye, kandi yateguwe neza kuko turi muri Half Marathon ariko dufite intego yo kugera kuri Marathon."

Umuyobozi w'akarere ka Huye, Ange Sebutege yavuze ko ahamagarira abantu kuza kwihera ijisho iyi mikino. Yagize ati "Abavuka i Huye batakihatuye n'abandi ni umwanya mwiza wo kuza kwihera ijisho iyi mikino kuko izaba iryoshye, kandi yateguwe neza kuko turi muri Half Marathon ariko dufite intego yo kugera kuri Marathon."

Hasobanuwe kandi ko ko iri rushanwa ryaherukaga kuba mu mwaka wa 2022 bityo babonye umwanya wo kwitegura bihagije, kandi ibyiciro byose birimo, haba abagabo n'abagore bazarushanwa.

Yavuze ko azahiga abandi muri buri cyiciro bazahabwa ibihembo birimo amafaranga bitewe n'icyiciro uwatsinze arimo. Yagize ati "Abasheshe akanguhe tuzahemba babiri, kandi abazasoza irushanwa bazahabwa umudari ku buryo uzababera urwibutso rw'ibihe byose."

Muri rusange ubuyobozi bw'akarere ka Huye bwemeza ko 'Huye Half Marathon' izabyaririra inyungu abahatuye, ndetse n'azabayitabira baturutse hanze ya Huye.

Insanganyamatsiko ya 'Huye Half Marathon' igira iti "Siporo ni ubuzima".

Mu mirenge yose y'Akarere ka Huye hatangijwe gahunda y'ubukangurambaga bw'iminsi 16 yo kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina. Ni igikorwa cyatangirijwe mu nteko z'abaturage mu tugari twose zateranye kuwa 25 Ugushyingo 2025.



Imiryango yasezeranye kubana byemewe n'amategeko yakatanye "Gateau" n'abayobozi

Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinze imibereho myiza y'abaturage Kankesha Annonciatha yatanze ubutumwa bushishikariza abantu kurwanya ihohotera iryo ari ryose no gutanga amakuru ahagaragara ihohotera iryo ari ryose.

Muri iki gikorwa hatanzwe ikiganiro ku icuruzwa ry'abantu; ihohotera n'ingaruka zaryo mu muryango.

Mu murenge wa Kinazi hasezeranye imiryango 25 yiyemeje kubana byemewe n'amategeko.

Mu murenge wa Kinazi hasezeranye imiryango 25 yiyemeje kubana byemewe n'amategeko.

Muri uyu murenge wa Kinazi hashimiwe Koperative "ABAHUJE SAZANGE" ikora ubuhinzi bw'umuceri. Iyi Koperative yafashije imiryango 50 kuva mu makimbirane.



Ubukangurambaga bw'iminsi 16 yo kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina burakomeje mu Karere ka Huye. Ni muri urwo rwego Umuyobozi w'Akarere yashyingingiye imiryango 27 mu murenge wa Rwaniro yabanaga mu buryo budakurikije amategeko.



Hasezeranijwe imiryango 27 yiyemeje kubna byemewe n'amategeko

Iyi miryango yasezeranye byemewe n'amategeko kuwa 26 Ugushyingo 2025 yishimiye gusangira ibyishimo n'Ubuyobozi, kandi yiyemeza kutazasubira inyuma mu ntambwe bateye yo kubaka imiryango izira ihohotera iryo ari ryo ryose.

Muri iki gikorwa cy'ubukangurambaga bwo kubaka umuryango uzira ihohotera, Umuyobozi w'Akarere yatanze ubutumwa bushishikariza imiryango gukora no kwiteza imbere, bagaharanira ibiteza imbere imiryango yabo.

Mu rwego rwo gufasha imiryango kwiteza imbere no kurwanya ubukene bwagira uruhare mu ihohotera, mu Murenge wa Rwaniro horojwe imiryango 4 inka. Imiryango yorohjwe yanahawe imiti y'ibanze y'inka.

Muri uyu murenge hanashimiwe Inshuti z'Umuryango zagaragaje uruhare mu kubaka imiryango ituje, itekanye, yasohotse mu makimbirane.



Abajyanama b'Akarere ka Huye n'abafatanyabikorwa mu iterambere bakomeje gahunda yo gusura imirengye hagamijwe kwegera abaturage, kuganira ku iterambere, kumva ibibazo n'ibyifuzo byabo no gushakira hamwe ibisubizo.



Abajyanama n'abafatanyabikorwa baganiriye n'abaturage bumva ibibazo n'ibyifuzo byabo

Kuwa 28 Ugushyingo 2025, abajyanama b'Akarere n'abafatanyabikorwa, binyuze muri gahunda y'icyumweru cyahariwe Umujyanama n'Umufatanyabikorwa, bakomeje gahunda yo kwegera abaturage mu mirengye.

Itsinda riyobowe na Perezida wa Njyanama y'Akarere Dr Kagwesage Anne Marie ryasuye Umurenge wa Maraba. Muri uyu murenge bagiranye ibiganiro n'abayobozi bahagarariye ibyiciro binyuranye by'abaturage mu murenge. Abajyanama basuye ibikorwa birimo iby'ubuhinzi, kurengera ibidukikije, ibirebana n'uburezi, ibikorwa remezo, ...

Hatanzwe inama zo gukomeza kubungabunga ibyagezweho no kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi hagamijwe kwihaza no gusagurira amasoko.

Abajyanama baganiriye n'abaturage ku birimo ingamba zo kwiteza imbere, gukora cyane no gusigasira ibyagezweho, hanibandwa ku gukumira amakimbirane mu muryango. Banumvise ibibazo by'abaturage ndetse hanatangwa ibisubizo bishimangira ubufatanye mu iterambere.



Mu mirenge yose hakozwe Umuganda mu midugudu. Ku rwego rw'Akarere wabereye mu Murenge wa Kigoma, Akagari ka Kabatwa, Umudugudu wa Mbogo, witabirwa na Minisitiri w'Uburezi, akaba n'imboni y'Akarere ka Huye muri Guverinoma.



Minisitiri w'Uburezi yitabiriye Umuganda wabereye mu murenge wa Kigoma

Ni umuganda wakozwe kuwa 29 Ugushyingo 2025 wibanda ku bikorwa byo gutunganya umuhanda wo mu mudugudu wa Mbogo ngo urusheho kuba nyabagendwa.

Abitabiriye umuganda bahawe ubutumwa ku bukangurambaga bwo gukora cyane, kugira isuku, kurwanya ruswa no kumenyekanisha imisoro. Hanatanze ubutumwa bw'Umunsi Mpuzamahanga w'Abantu bafite Ubumuga.

By'umwihariko Minisitiri Joseph Nsengimana yashimangiye ubutumwa bwo kwita ku isuku.

Nyuma y'umuganda, Minisitiri w'Uburezi n'abandi bayobozi basuye ishuri rya Ecole Secondaire Mbogo bifatanye n'abanyeshuri mu bikorwa by'isuku; gutera ibiti by'imbuta ziribwa n'imboga.

Minisitiri yashimye isuku yasanze mu ishuri rya ES Mbogo, asaba ko mu mashuri yose hakomeza gushimangirwa isuku.



Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yateraniye mu Karere ka Huye hagamijwe kwigira hamwe ingingo zihutirwa zirebana n'iterambere ry'Akarere, nk'uko biri mu nshingano z'Inama Njyanama.



Inama Njyanama yayobowe na Perezida wayo Dr Kagwesage Anne Marie (Uri hagati)

Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yateraniye mu Karere ka Huye hagamijwe kwigira hamwe ingingo zihutirwa zirebana n'iterambere ry'Akarere, nk'uko biri mu nshingano z'Inama Njyanama.

Inama Njyanama yateranye mu nama idasanzwe kuwa 29 Ugushyingo 2025, iyoborwa na Perezida w'Inama Njyanama Dr Kagwesage Anne Marie.

Muri iyi nama hganiriwe ku ngingo zo kwemeza ingurane (expropriations) zasabwe ku butaka bw'abaturage bwanuyijwemo ibikorwa by'inyungu rusange; kwemeza iteganyamigambi ry'itangwa ry'amasoko y'Akarere 2025 - 2026 rivuguruye no kwemeza amafaranga y'inyongera ku ngengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2025-2026.



Kuri iki cyumweru tariki ya 30 Ugushingo 2025 mu karere ka Huye habereye irushanwa rya 'Huye Half Marathon' ku nshuro yaryo ya gatatu irushanwa ryakinwe mu byiciro by'abagabo n'abagore, harimo abakinnyi bakinnye babigize umwuga ndetse n'abandi babikoze mu rwego rwa siporo busanzwe.



'Huye Half Marathon' yitabiriwe n'ababigize umwuga mu kwiruka

Ni igikorwa cyahuriye hamwe abaturage bo mu turere dutandukanye bo mu Ntara y'Amajyepfo, harimo abo mu karere ka Huye, Gisagara, Nyamagabe, ndetse n'abaturage baturutse mu mujyi wa Kigali. Uretse abaturage kandi iri rushanwa ryitabiriwe n'abayobozi bo mu nzego zitandukanye zirimo iza karere n'izo ku rwego rw'igihugu barimo Minisitiri w'Uburezi, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Umuyobozi w'Akarere ka Huye n'uw'Akarere ka Gisagara, abayobozi b'inzego z'umutekano mu Ntara y'Amajyepfo n'abandi bafatanyabikorwa batandukanye.



Abasiganwa ku rwego rw'itirirwe irushanwa Huye Half Marathon mu kiciro cy'abakobwa n'abasore basiganwe mu birometero 21. Hanakozwe kandi amasiganwa ku magare, isiganwa ku magare y'abafite ubumuga ndetse n'abiruka bitagamije kuruhanwa (Run for fun).



IMBUGA ZACU:

 info@huye.gov.rw

 www.huye.gov.rw

   HuyeDistrict

 4056

 BP 35 Butare

Byanditswe & Bitunganywa na :

BONEZIMANA Emmanuel

+250788679624

Public Relations & Communication